

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA



Ese uha agaciro
IMPANO TWAHawe N'IMANA?



UBITEKEREZAHO IKI?

Ni iyihe mpano iruta izindi Imana yaduhaye? *Bibiliya igira iti “Imana yakunze isi cyane ku buryo yatanze Umwana wayo w’ikinege.”—Yohana 3:16.* Iyi gazeti y’*Umunara w’Umurinzi* isobanura impamvu Imana yohereje Yesu ku isi kugira ngo adupfire n’uko twagaragaza ko duha agaciro iyo mpano.

ESE UHA AGACIRO IMPANO TWAHAWA N’IMANA?

- 3 Impano iruta izindi
- 4 Kuki incungu ari yo mpano y’agaciro kenshi Imana yatanze?
- 6 Twagaragaza dute ko duha agaciro iyo mpano?

IBINDI

8 ESE ABIHAYIMANA BAGOMBA KUBA ABASERIBATERI?

10 AMATEKA Y’UBUCAKARA N’UKO BUZAVAHO

13 GUTANGA BIHESHA IMIGISHA

16 BIBILIYA IBIVUGAHO IKI?




Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

Mu RWANDA:
O.R.T.J.
B.P. 529 Kigali
Rwanda

Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri www.jw.org/rw/aderesi.



Ni mu buhe buryo igitambo cya Yesu ari “incungu ya benshi”?

(Reba ahanditse ngo **INYIGISHO ZA BIBILIYA > IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA**)

UMUNARA W’UMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOWA

Vol. 138, No. 4 2017

KINYARWANDA

Buri numero isohoka ari amagazeti:
61.651.000 MU NDIMI 297

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n’impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya kuri www.jw.org/rw.

Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n’igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw’isi nshya*.

INTEGO Y’IYI GAZETI y’*Umunara w’Umurinzi*, ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w’Ikirenga w’ijuru n’isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw’Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw’iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w’Ubwami bw’Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiyeye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 4 March 2017 is published monthly with an additional issue published in January, March, May, July, September, and November by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.



INGINGO Y'IBANZE

Impano iruta izindi

JORDAN yahawe akuma gaconga ikaramu y'igiti kameze nk'ubwato, abona ari ibisanzwe. Nyamara nyuma yaho yabonye ko ifite agaciro kenshi. Jordan yaravuze ati “ako kantu nagahawe n'umusaza witwaga Russell nkiri umwana.” Russell amaze gupfa, Jordan yamenye ko yari yarabanye neza na sekuru n'ababyeyi be kandi akabafasha mu bihe bikomeye banyuzemo. Jordan yaravuze ati “nubwo iyi mpano yoroheje, nsigaye nyiha agaciro kenshi kuko nsobanukiwe neza ibya Russell wayimpaye.”

Ibyabaye kuri Jordan bigaragaza ko umuntu ashobora guhabwa impano ntayihe agaciro cyangwa akumva nta cyo imubwiye. icyakora hari uyihabwa akabona ko ifite agaciro. Bibiliya ivuga iby'impano ifite agaciro kenshi cyane mu magambo azwi n'abantu benshi, igira iti “Imana yakunze

isi cyane ku buryo yatanze Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo abone ubuzima bw'iteka.”—Yohana 3:16.

Tekereza nawe impano yaguhesha ubuzima bw'iteka! Ese hari impano yaruta iyo? Nubwo hari abantu batayihaga agaciro, Abakristo b'ukuri bo bayihaga “agaciro” (Zaburi 49:8; 1 Petero 1:18, 19). None se kuki Imana yatanze umwana wayo ngo adupfire?

Intumwa Pawulo yabisobanuye agira ati ‘icyaha cyinjiye mu isi binyuze ku muntu umwe, n'urupfu rwinjira mu isi binyuze ku cyaha’ (Abaroma 5: 12). Umuntu wa mbere ari we Adamu, yasuzuguye Imana ku bushake akatirwa urwo gupfa. Ibyo byatumye abantu bose bakomotse kuri Adamu baragwa urupfu.

Bibiliya igira iti “ibihembo by’ibyaha ni urupfu, ariko impano Imana itanga ni ubuzima bw’iteka binyuze kuri Kristo Yesu Umwami wacu” (Abaroma 6:23). Imana yohereje Umwana wayo Yesu Kristo ku isi, kugira ngo atange ubuzima bwe butunganye ho igitambo, bityo akize abantu urupfu. icyo gitambo cyitwa “incungu,” gituma abantu bose bizera Yesu biringira kuzabona ubuzima bw’iteka. —Abaroma 3:24.

Pawulo yavuze ibirebana n’imigisha Imana iha abagaragu bayo binyuze kuri Yesu Kristo, agira ati “Imana ishimwe ku bw’impano yayo itagere-

ranywa” (2 Abakorinto 9:15). Incungu ifite akamaro cyane ku buryo umuntu atabona amagambo akoresha ayisobanura! None se kuki incungu ari yo mpano iruta izindi zose Imana yatanze? Itandukaniye he n’izindi? Twagaragaza dute ko duha agaciro iyo mpano? Ingingo ebyiri zikurikira ziratanganga ibisubizo bishingiye kuri Bibiliya by’ibyo bibazo. Isomere wumve.

* Yesu ni we watanze “ubugingo bwe ku bwacu” (1 Yohana 3:16). icyakora, kuba Yesu yatanze incungu byari mu mugambi w’Imana. Ni yo mpamvu ingingo zikurikira ziri bwibande ku ruhare Imana yagize mu gutanga incungu.

Kuki incungu ari yo mpano y’agaciro kenshi Imana yatanze?

Ni ibihe bintu bigaragaza ko impano ifite agaciro? Dore ibintu bine bibigaragaza: (1) *uwayitanze* (2) *impamvu* yayitanze (3) icyo *yigomwe* ngo ayiguhe (4) no kuba wari *uyikeneye*. Gusuzuma ibyo bintu biradufasha guha agaciro incungu, ari yo mpano iruta izindi Imana yaduhaye.



UWAYITANZE

Hari impano duha agaciro bitewe n’uko twayihawe n’umuntu ukomeye cyangwa twubaha cyane. Hari n’impano ziba zidahenze, tukaziha agaciro kubera ko tuba twazihawe na mwene wacu cyangwa incuti magara. Uko ni ko Jordan twavuze mu ngingo ibanziriza iyi yabonaga impano Russell yamuhaye. None se kuki twavugaga ko impano y’incungu ifite agaciro bitewe n’uwayitanze?

Icyamba mbere, Bibiliya ivuga ko ‘Imana yohereje Umwana wayo w’ikinege mu isi, kugira ngo tubone ubuzima binyuze kuri we’ (1 Yohana 4:9). Ibyo bituma iyo mpano igira agaciro, kuko nta wukomeye

kuruta Imana. Umwanditsi wa zaburi yaravuze ati ‘wowe witwa Yehova, ni wowe wenyine Usumbabyose mu isi yose’ (Zaburi 83:18). Nta yindi mpano twahabwa n’umuntu ukomeye waruta Yehova.

Icyamba kabiri, Imana ni “Data” kuko yaduhaye ubuzima (Yesaya 63:16). Nanone itwitaho mu budahe-muka nk’uko umubyeyi yita ku bana be. Hari igihe yabajije ubwoko bwayo bwari buhagarariwe n’umuryango wa Efurayimu iti “ese Efurayimu si umwana wanjye w’agaciro kenshi nkunda cyane nkamukuyakuya? . . . Amara yanjye yigoroye kubera igishyika mufitiye. Nzamugirira impuhwe nta kabuza” (Yeremiya 31:20). Nguko uko Imana ibona abayisenga muri iki gihe. Yehova ni Umuremyi wacu ushobora byose, akaba Data utwitaho n’incuti yacu. Ese ibyo ntibyagombye gutuma duha agaciro impano iyo ari yo yose aduha?



IMPAMVU YAYITANZE

Hari impano igira agaciro bitewe n’uko yatanzwe ku bushake kandi uwayitanze akaba yabitewe n’urukundo. Umuntu nk’uwo atanga adategereje inyiturano.

Imana yaduhaye Umwana wayo kubera ko idukunda. Bibiliya igira iti “iki ni cyo cyagaragaje ko *Imana idukunda*: ni uko yohereje Umwana wayo w’ikinege.” Kuki yamutanze? Yagira ngo “tubone ubuzima binyuze kuri we” (1 Yohana 4:9). Ese byari itegeko ko Imana itanga Umwana wayo? Oya. Imana yatugiriye “*ubuntu butagereranywa*,” itanga “Kristo Yesu” ngo abe ‘incungu.’—Abaroma 3:24.

Kuki iyo mpano igaragaza “*ubuntu butagereranywa*” bw’Imana? Bibiliya igira iti ‘Imana yatweretse urukundo rwayo ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha’ (Abaroma 5:8). Urukundo rutagereranywa Yehova adukunda, rwatumye atabara abantu b’abanyabyaha batagira kirengera. Iyo mpano igaragaza urukundo rukomeye yadukunze. Ntiwari turukwiriye kandi nta cyo twamwitura.



ICYO YIGOMWE

Hari impano igira agaciro kenshi bitewe n’uko uwayitanze aba yigomwe ikintu gikomwe. Iyo umuntu yigomwe akaduha ikintu cyari kimufitiye akamaro, natwe tugihaga agaciro kenshi.

Imana “yatanze *Umwana wayo w’ikinege*” (Yohana 3:16). Yaduhaye umuntu yakundaga kuruta abandi. Mu gihe cy’imyaka ibarirwa muri za miriyari Imana yamaze irema isanzure, yakoranaga na Yesu ku buryo byatumye

‘imukunda mu buryo bwihariye’ (Imigani 8:30). Yesu ni ‘ishusho y’Imana itaboneka’ akaba n’Umwana ikunda’ (Abakolosayi 1:13-15). Nta bantu bigeze bakundana batyo.

Nyamara nubwo Imana yakundaga Umwana wayo ‘ntiyamutwimye’ (Abaroma 8:32). Yehova yaduhaye impano iruta izindi zose. Nta mpano yatanze iruta iyo.



YARI IKENEWE CYANE

Hari ubwo impano igira agaciro kubera ko uyihawe yari ayikeneye byihutirwa. Urugero, tekereza warembye kandi nta bushobozi ufite bwo kwigurira imiti, maze umugiraneza akakwishyurira imiti wari ukeneye ngo ukire. Iyo mpano yaba ari iy’agaciro rwose!

Bibiliya igira iti “nk’uko muri Adamu abantu bose bapfa, ni na ko *abantu bose bazaba bazima* muri Kristo” (1 Abakorinto 15:22). Kubera ko dukomoka kuri Adamu, twarazwe “urupfu.” Ntaho twari guhungira indwara n’urupfu. Nanone ntitwari kwiyunga n’Imana ngo tugire umutimanama utaducira urubanza. Nanone kubera ko turi abantu buntu, ntitwari kwitangira incungu cyangwa ngo tugire undi tuyitangira. Bibiliya ibisobanura igira iti “nta n’umwe muri bo ushobora gucungura umuvandimwe, cyangwa ngo ahe Imana incungu ye,” kuko nta wabona ikiguzi cyayo (Zaburi 49:7, 8). Dukeneye gufashwa kuko tudashobora kwicungura. Iyo utabona utwitangira byari kuba biturangiranye.

Kubera ko Yehova adukunda cyane, yatwishyuriye icyo twagereranya n’umuti twari dukeneye kugira ngo turokoke. Nguko uko “abantu bose bazaba bazima” binyuze kuri Yesu. Ni mu buhe buryo incungu yatumye ibyo bishoboka? Bibiliya igira iti “amaraso y’Umwana wayo Yesu atwezaho icyaha

cyose.” Iyo twizeye amaraso ya Yesu, tubabarirwa ibyaha kandi tukiringira kuzabona ubuzima bw’iteka (1 Yohana 1:7; 5:13). Ni iki incungu izamarira abo twapfushije? Bibiliya igira iti “nk’uko urupfu rwaje binyuze ku muntu umwe, ni na ko umuzuko w’abapfuye uzabaho binyuze ku muntu umwe” ari we Yesu.—1 Abakorinto 15:21.*

Igitambo cya Yesu ni yo mpano yatanzwe n’umuntu ukomeye, kandi akayitanga kubera urukundo rwinshi adukunda. Yehova Imana ni we wenyine wigomwe impano y’agaciro kenshi kurusha izindi. Nanone kandi, incungu ni yo mpano iruta izindi twabonye twari tuyikeneye, kuko itubatura ku cyaha n’urupfu. Uretse n’ibyo, nta yindi mpano yagira agaciro nk’ak’incungu.

* Niba wifuza kumenya umugambi Imana ifite wo kuzura abapfuye, reba igice cya 7 mu gitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?*, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova. Nanone kiboneka kuri www.jw.org/rw.



Niba wifuza kumenya byinshi ku birebana n’igitambo cya Yesu n’icyo wakora ngo kikugirire akamaro, reba videwo ngufi ivuga ngo *Kwibuka urupfu rwa Yesu*, iri kuri www.jw.org/rw. (Reba ahanditse ngo IBYASOHOTSE > VIDEWO.) Nanone ushobora gusikana iyi kode ukoresheje telefoni yawe.



Twagaragaza dute ko duha agaciro *iy*o mpano?

“Urukundo Kristo afite ruraduhata . . . Yapfiriye bose kugira ngo abariho badakomeza kubaho ku bwabo, ahubwo babeho ku bw’uwo wabapfiriye.”—2 Abakorinto 5:14, 15.

IYO uhawe impano idasanzwe, uba ugomba gushimira uwayiguhaye. Yesu yatsindagirije iryo somo igihe yakizaga abantu icumi indwara ikomeye itaragarira umuti muri icyo gihe. Umwe muri bo ‘yagarutse asingiza Imana mu ijwi riranguruye.’ Yesu yarabajije ati “mbese abakize ntibari icumi? None se abandi icyenda bari he” (Luka 17:12-17)? Ibyo bitwigisha iki? Bitwigisha ko burya abantu bi-bagirwa vuba ineza bagiriwe.


Incungu ni impano iruta izindi. Ni yo mpano y’agaciro kenshi kuruta izindi zose. None se wakora iki ngo ushimire Imana yaguhaye iyo ncungu?

Kumenya uwayitanze. Kuba incungu yatanzwe ntibivugako abantu bose bazabona ubuzima bw’iteka nta cyo bakoze. Yesu yasenze Imana agira ati “ubu ni bwo buzima bw’iteka: bitoze *kukumenya*, wowe Mana y’ukuri yonyine, bamenye n’uwo watumye, ari we Yesu Kristo” (Yohana 17:3). Ese hagize ukubwira ko ukiri umwana hari umuntu wakurokoye, ntiwakora uko ushoboye ukamumenya neza, ukamenya n’icyatumye akurokora? Yehova Imana we waduhaye incungu irokora ubuzima, yifuza ko wamumenya kandi ukaba incuti ye. Bibiliya igira iti “mwegere Imana na yo izabegera.”—Yakobo 4:8.

Kwizera incungu. Bibiliya igira iti “uwizera Umwana afite ubuzima bw’iteka” (Yohana 3:36). Wagaragaza ute ko ufite ukwizera? Iyo umuntu yizera incungu abigaragariza mu byo akora (Yakobo 2:17). Ibyo bikorwa ni ibihe? Impano iba iyawe iyo wemeye kuyifata, ukayitwara. Nawe rero, ugomba kugira icyo ukora kigaragaza ko wemera incungu. Wabikora ute? Menya ibyo Imana igusaba kandi ubikurikize.* Jya usenga Imana uyisaba kukubabarira no kuguha umutimanama ukeye, kandi wiringire ko incungu izahesha abayizera bose ibyiringiro by’ubuzima bw’iteka, bakabaho neza, mu mahoro n’umutekano birambye.—Abaheburayo 11:1.

* Uburyo bwiza bwo kumenya Imana no kuba incuti yayo, ni ukwiga Ijambo ryayo Bibiliya. Niba wifuza kwiga Bibiliya, bisabe Umuhamywa wa Yehova cyangwa ujye ku rubuga rwa www.jw.org/rw.

Kujya mu Rwibutso rw’urupfu rwa Yesu. Yesu yatangiye umunsi mukuru ngarukamwaka wari kujya utwibutsa incungu twahawe. Yavuze ko tugomba kujya twizihiza uwo munsi mukuru, agira ati “muje mukomeza gukora mutya munyibuka” (Luka 22:19). Uyu mwaka, Abahamya ba Yehova bazibuka urupfu rwa Yesu **kuwa kabiri tariki ya 11 Mata 2017**, izuba rirenze. Ayo materaniri amara hafi isaha, aba agizwe na disikuru isobanura akamaro k’urupfu rwa Yesu, haba muri iki gihe no mu gihe kizaza. Umwaka ushize, abantu bagera hafi kuri miriyoni 20 bo hirya no hino ku isi bitabiriye uwo muhango. Nawe uzaze dufatanye gushimira Imana kubera iyo mpano ihebuje yaduhaye. ■



Ese abihayimana bagomba kuba abaseribateri?

AMADINI menshi, urugero nka Kiliziya Gatolika, Aborutodogisi, Ababuda n’abandi, bategeka abayobozi b’amadini yabo n’abandi bihayimana kuba abaseribateri. icyakora hari n’abatekereza ko kudahaka, ari yo ntandaro y’ibikorwa by’ubusambanyi bw’agahomamunwa bimaze iminsi bivugwa mu bihayimana.

Ibyo bituma twibaza tuti “ese Ibyanditswe bisaba abihayimana kuba abaseribateri?” Mbere yo gusubiza icyo kibazo, tubanze dusuzume aho uwo mugenzi wakomotse, uko wakwirakwijwe n’uko Imana iwubona.

AMATEKA Y’UBUSERIBATERI MU MADINI

Hari inkoranyamagambo yavuze ko umuntu uba umuseribateri bitewe n’idini “yirinda gushaka, akirinda imibonano mpuzabitsina, abitewe ahanini no kuba yarihaye Imana” (*Encyclopædia Britannica*). Mu mwaka wa 2006, Papa Benedigito wa XVI yabwiye

abayobozi bakuru ba Kiliziya Gatolika ko “ubuseribateri ari umugenzi watangiye ahagana mu gihe cy’intumwa.”

Icyakora, Abakristo bo mu kinyejana cya mbere ntibasabwaga kuba abaseribateri. Ahubwo intumwa Pawulo wabayeho mu kinyejana cya mbere, yabwiye Abakristo bagenzi be ko bagombaga kwirinda abantu bavugaga ‘amagambo ayobya yahumetswe n’abadayimoni, babuzanya gushyingiranwa.’—1 Timoteyo 4:1-3.

Mu kinyejana cya kabiri ni bwo uwo mugenzi wadutse mu madini yiyita aya Gikristo yo mu bu-rengerazuba bw’isi. Hari igitabo cyavuze ko uwo mugenzi “wari uhuje n’imyumvire yari yadutse mu Bwami bw’Abaroma, yasabaga abantu kwifata nti-bakore imibonano mpuzabitsina.”

Mu binyejana byakurikiyeho, abagize konsili za Kiliziya Gatolika n’abiyitaga abakurambere ba Kiliziya, batangiye gusaba abihayimana kuba abaseriba-

Yesu yasuye nyirabukwe wa Petero aramukiza.—Matayo 8:14, 15; Mariko 1:29-31



bateri. Batekerezaga ko imibonano mpuzabitsina ari igikorwa cyanduye, kidakwiriye gukorwa n’umuntu wihaye Imana. Ariko kandi hari igitabo cyavuze ko “kugera nibura mu kinyejana cya 10, abapadiri benshi na bamwe mu basenyeri bari bafite abagore.”

Muri konsili zabereye i Roma kwa papa mu mwaka wa 1123 no mu wa 1139, Kiliziya Gatolika yemeje ko abapadiri batagomba gushaka kandi ni ko bikimeze na n’ubu. Izo ngamba zari gutuma Kiliziya ikomeza kugira ijambo kandi ikagira umutungo uhagije, kuko nta bapadiri bari kuyitwara umutungo wayo, ngo bawurage abana babo.

UKO IMANA IBONA UBUSERIBATERI

Ijambo ry’Imana Bibiliya rigaragaza neza uko Imana ibona ubuseribateri. Ririmo amagambo Yesu yavuze ku birebana n’abantu bakomeje kuba abaseribateri kimwe na we, ‘babitewe n’Ubwami bwo mu ijuru’ (Matayo 19:12). Nanone intumwa Pawulo yavuze ko hari Abakristo bahisemo gukomeza kuba abaseribateri kimwe na we “ku bw’ubutumwa bwiza.”—1 Abakorinto 7:37, 38; 9:23.

Ariko kandi, yaba Yesu cyangwa Pawulo nta n’umwe wategetse abihayimana kuba abaseribateri. Yesu yavuze ko ubuseribateri ari “impano” idafitwe na buri wese mu bigishwa be. Pawulo yaravuze ati ‘abatarashaka, nta tegeko mbaha rivuye ku Mwami, ahubwo ndatanga igitekerezo cyanjye.’—Matayo 19:11; 1 Abakorinto 7:25.

Nanone, Bibiliya igaragaza ko Abakristo benshi bo mu kinyejana cya mbere, harimo n’intumwa Petero, bari barashatse (Matayo 8:14; Mariko 1:29-31; 1 Abakorinto 9:5). Kubera ibikorwa by’ubusambanyi byari byogeye mu bwami bw’Abaroma, Pawulo yavuze ko niba umugenzuzi w’Umukristo yarashatse, yagombaga kuba ari “umugabo w’umugore umwe,” kandi akaba afite “abana baganduka.”—1 Timoteyo 3:2, 4.

Ibyo ntibivuga ko bagombaga gushaka ngo bareke gukora imibonano mpuzabitsina, kuko Bibiliya ivuga ko ‘umugabo agomba guha umugore we ibyo amugomba, ariko umugore na we akabigenzereza

atyo umugabo we.’ Nanone, ikomeza ivuga ko abashakanye batagomba ‘kwimana’ imibonano mpuzabitsina (1 Abakorinto 7:3-5). Ibyo bigaragaza neza ko Imana idasaba abayikorera kuba abaseribateri, cyangwa ngo itegeke abihayimana kubaho batyo.

KUBA UMUSERIBATERI KU BW’UBUTUMWA BWIZA

None se niba kuba umuseribateri atari itegeko, kuki Yesu na Pawulo bavuze ko ubuseribateri ari bwiza? Ni ukubera ko umuseribateri aba ashobora kubona igihe gihagije cyo kugeza ku bandi ubutumwa bwiza. Abaseribateri bashobora gukora byinshi, kuko batagira imihangayiko nk’iy’abashatse.—1 Abakorinto 7:32-35.

Reka dufate urugero rw’uwitwaga David waretse akazi kamuhembaga neza yakoreraga mu mugi wa Mexico, akimukira mu giturage cyo muri Kosita Rika, ajyanywe no kwigisha abantu Bibiliya. Kuba ari umuseribateri byaramufashije cyane, kuko yagize ati “kumenyera umuco w’aho hantu n’imibereho yaho ntibyari byoroshye. Ariko kubera ko nta wundi mutuntu nagombaga kwitaho, ntibyanyoye.”

“Kuba uri umuseribateri cyangwa warashatse si byo bitera ibyishimo. Ahubwo guha Yehova ibyiza kurusha ibindi ni byo bihesha ibyishimo.”—*Claudia*

Umukristokazi w’umuseribateri witwaga Claudia wimukiye mu gace kari gakeneye ababwiriza benshi, yaravuze ati “iyi mbona ukuntu Imana inyitaho, bituma umurimo nyikorera unshimisha, binyongerera ukwizera kandi ubucuti mfitanye na yo bugakomera.”

Ubuseribateri ntibugomba kubera umuntu umutwara. Claudia yakomeje agira ati “kuba uri umuseribateri cyangwa warashatse si byo bitera ibyishimo. Ahubwo guha Yehova ibyiza kurusha ibindi ni byo bihesha ibyishimo.”—Zaburi 119:1, 2. ■



Igishushanyo cy'abacakara bo muri Egipta



Ubucuruzi bw'abacakara bavanwaga muri Afurika bajyanwa muri Amerika bwinjizaga amafaranga menshi

Amateka y'ubucakara n'uko buzavaho

Blessing* yajyanywe mu Burayi bamwizeza ko agiye gukora akazi ko gutunganya imisatsi. Ariko yamazwe iminsi icumi akubitwa buri munsi kandi bamukangisha ko niyanga ibyo bamusaba, umuryango we bazawumerera nabi. Ibyo byatumye yemera gukora akazi k'uburaya.

Blessing yagombaga kujya akorera amayero ari hagati ya 200 na 300 buri joro, kugira ngo yishyure nyirabuja ideni ry'amayero 40.000.# Yaravuze ati "hari igihe natekerezaga gutoroka, ariko ngatinya ko bagirira nabi umuryango wanjye. Nari narabuze icyo nakora n'icyo nareka." Icyo kibazo agisangiye n'abandi bantu bagera kuri miriyoni enye hirya no hino ku isi bashowe mu bikorwa by'uburaya.

Ubu hashize imyaka igera ku 4.000, umusore witwaga Yozefu agurishijwe n'abavandimwe be. Yaje kwisanga ari umucakara mu rugo rw'umuntu wari uko-

* Izina ryarahinduwe.

Blessing yagombaga gukorera amafaranga y'amanyarwanda ari hagati ya 175.000 na 260.000 buri joro, kugira ngo azishyure arenga 35.000.000.

meye muri Egipta. icyakora mu mizo ya mbere, Yozefu ntiyabaye nka Blessing, kuko shebuja atamufataga nabi. Ariko ibintu byaje guhinduka ubwo nyirabuja yamusabaga ko baryamana akabyanga. Yamushinje ko yashatse kumufata ku ngufu maze afungwa arengana. —Intangiriro 39:1-20; Zaburi 105:17, 18.

Yozefu yari umucakara wo mu bihe bya kera, Blessing akaba uwo mu kinyejana cya 21. icyakora bombi baragurishijwe, bahinduka nk'ibicuruzwa umuntu acuruza akabona inyungu.

INTAMBARA ZITEZA IMBERE UBUCAKARA

Iyo ibihugu byashakaga kugira abacakara, byashozaga intambara. Hari abavuga ko Umwami wa Egipta witwaga Thoutmosis III yigeze kugaba igitero i Kanani anyaga imfungwa 90.000 maze azigira ingaruzwamuheto. Izo mfungwa Abanyegiputa bazikoresheje uburetwa mu mirimo yo kubaka insengero, gucukura imiyoboro y'amazi no mu birombe by'amabuye y'agaciro.



Hari abantu benshi bakiri abacakara

Mu gihe cy'ubwami bw'Abaroma, intambara zatumaga haboneka abacakara benshi. Hari igihe bashozaga intambara kugira ngo babone abacakara. Mu kinyejana cya mbere, hafi kimwe cya kabiri cy'abaturage bo mu bwami bwa Roma bari abacakara. Abacakara benshi bo muri Egipta no mu bwami bwa Roma bafatwaga nabi cyane. Urugero, umucakara wakoraga mu birombe by'Abaroma, nta cyizere yabaga afite cyo kubaho imyaka irenze 30.

Uko imyaka yagendaga ishira, ni ko ubucakara wagendaga bufata indi ntera. Kuva mu kinyejana cya 16 kugeza mu cya 19, ubucuruzi bw'abacakara bavanwaga muri Afurika bajyanwaga muri Amerika, ni bwo bwinjizaga amafaranga menshi ku isi. Ishami ry'Umu-ryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umucakara ryavuze ko "ugereranyije, abagabo, abagore n'abana bari hagati ya miriyoni 25 na 30, bashimuswe bakagurishwa." Hari raporo zivugaga ko igihe abacakara bambutswaga inyanja ya Atalantika, ababarirwaga mu bihumbi amagana bahasize ubuzima. Oludah Equiano wari umucakara akaba yararusimbutse, yaravuze ati "muri izo ngendo, kumva abagore bataka n'iminiho y'abantu babaga basamba, byabaga biteye agahinda katavugwa."

Ikibabaje ni uko ubucakara nta ho bwagiye. Umuryango Mpuzamahanga Wita ku Murimo wagaragaje ko abagabo, abagore n'abana bagera kuri miriyoni 21, bagikoreshwaga imirimo y'uburetwa, bagahembwaga intica ntikize cyangwa ntibahabwaga n'urupfusha. Abacakara bo muri iki gihe bakoreshwaga mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, mu nganda zikora imyenda, mu kubumba amatafari, mu buraya, cyangwa mu ngo z'abantu. Ubucakara buracyiyongera, nubwo butemewe n'amategeko.

BIGOBOTOYE UBUCAKARA

Abacakara benshi bagiye baharanira umudendezo bitewe no gufatwa nabi bikabije. Mu kinyejana cya mbere Mbere ya Yesu, umukurankota witwaga Spartacus n'abandi bacakara bagera ku 100.000 bigometse ku bwami bw'Abaroma, ariko ntibyabahira. Mu kinyejana cya 18, abacakara bo ku kirwa cya Hispaniola bigometse kuri ba shebuja. Kuba abo bacakara bakoraga mu mirima y'ibisheke barafatwaga nabi, byateje imyivumbagatanyo yamaze imyaka 13, irangira Hayiti ibonye ubwigenge mu mwaka wa 1804.

Icyakora Abisirayeli bavanywe mu bucakara bwo muri Egipta, ni bo bigobotoye ubucakara mu buryo



Uko navuye mu bubata bw'ibiyobyabwenge

Alonso yari mu bucakara bw'ibindi bintu. Akiri ingimbi yari yarabaswe n'ibiyobyabwenge bya kokayine na heroyine. Yaravuze ati “kugira ngo mbone ibyo biyobyabwenge, nakoraga ibikorwa by'urugomo kandi ngacuruzza ibiyobyabwenge mu buryo bwa magendu. Nubwo nivuje mu bigo bine bifasha abantu kureka ibiyobyabwenge, byari byarananiranye. Amaherezo abapoliisi baramfashe baramfunga, mara muri gereza imyaka ine.”

Alonso amaze imyaka 30 yarabaswe n'ibiyobyabwenge, yaje kwigana Bibiliya

n'Abahamya ba Yehova. Ubutumwa bwo muri Bibiliya bwamukoze ku mutima maze yiyemeza kureka ibiyobyabwenge. Yaravuze ati “kubera ko nari maze imyaka myinshi mbikoresha, kubireka ntibyari byoroshye. Ariko Yehova yamfashije gutsinda urwo rugamba.”—Zaburi 55:22.

Alonso yakomeje agira ati “umugore wanjye yashimishijwe cyane n'uko nahindutse. Sinabona ukuntu nshimira Yehova wamvanye muri ubwo bubata bw'ibiyobyabwenge. Iyo atamfasha mba nkiri muri ubwo bubata cyangwa nkaba narapfuye.”

budasubirwaho. icyo gihe abari bagize ishyanga bose, bashobora kuba barageraga kuri miriyoni eshatu, bavanywe mu bucakara muri Egiputa. Bari bakeneye kubona umudendezo, kuko Bibiliya ivuga ko Abanyegiputa 'babakoreshega uburetwa bw'uburyo bwose' (Kuva 1:11-14). Byageze n'ubwo Farawo ateguka ko bica abana bakivuka, kugira ngo Abisirayeli badakomeza kwiyongera.—Kuva 1:8-22.

Igikorwa cyo kuvana Abisirayeli mu bucakara bwo muri Egiputa cyari cyihariye, kuko Imana ubwayo ari yo yabikoreye. Imana yabwiye Mose iti “nzi neza imibabaro yabo. None ngiye kumanuka mbakize” (Kuva 3: 7, 8). Abayahudi bo hirya no hino ku isi, baracyizihiza Pasika buri mwaka, bibuka icyo gikorwa.—Kuva 12:14.

HEHE N'UBUCAKARA!

Bibiliya ivuga ko “Yehova Imana yacu adakirani-
rwa,” cyangwa ko yanga akarengane, kandi itwizeza ko atigeze ahinduka (2 Ibyo ku Ngoma 19:7; Malaki 3:6). Imana yohereje Yesu kugira ngo 'atangarize imbohe ko zibohowe' kandi 'abohore abashenjaguwe' (Luka 4: 18). Ese ibyo bishaka kuvuga ko yari kuvanaho ubucakara ubu busanzwe? Oya. Yesu yaje ku isi kugira ngo avane abantu mu bubata bw'icyaha n'urupfu. Yaravuze ati “ukuri ni ko kuzababatura” (Yohana 8:32). Ukuri Yesu yigishije kuracyabatura abantu mu bintu byi-

nshi.—Reba agasanduku kavuga ngo “Uko navuye mu bubata bw'ibiyobyabwenge.”

Imana yafashije Yozefu na Blessing kuva mu bucakara barimo. Inkuru ishishikaje ivuga ibya Yozefu, iboneka mu gitabo cya Bibiliya cy'Intangiriro igice cya 39 kugeza ku cya 41. icyakora inkuru ivuga uko Blessing yaje kubona umudendezo na yo irashishikaje.

Blessing amaze kwirukanwa mu gihugu kimwe cyo mu Burayi, yagiye muri Esipanye. Agezeyo yahuye n'Abahamya ba Yehova maze bamwigisha Bibiliya. Yiye-meje guhindura imyitwarire ye, ashaka akandi kazi, maze asaba nyirabuja kumugabanyiriza amafaranga yishyuraga ku kwezi. Umunsi umwe nyirabuja yaramuhamagaye, amubwira ko amusoneye iryo deni, kandi amusaba imbabazi. Yabitewe n'iki? Na we yari yaratan-
giye kwigana Bibiliya n'Abahamya ba Yehova. Blessing yaravuze ati “burya koko ukuri kubatura abantu!”

Yehova Imana yababazwaga cyane n'ukuntu Abisirayeli bari bafashwe nabi, igihe bari abacakara muri Egiputa. Muri iki gihe na bwo, ababazwaga cyane n'akarengane nk'ako. Birumvikana ko kugira ngo ubucakara bucike burundu, bizasaba impinduka zikomeme. Imana ubwayo ni yo izagira icyo ikora. Bibiliya igira iti “nk'uko isezerano rye riri, dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo.”—2 Petero 3:13 ■

Gutanga bihesha imigisha

ALEXANDRA yumvise umuntu avuga ati “bisi nigende, ariko uyu Mushinwa we arasigara.” Ayo magambo yayumvise igihe yari yicaye muri bisi yari igiye kwambuka umupaka w’igihugu kimwe cyo muri Amerika y’E-pfo ijya mu kindi. Yahise ava muri bisi ajya kureba ikibazo uwo musore w’Umushinwa yari afite. Yasanze uwo musore ari-mo asobanurira umukozi wo ku mupaka ikibazo yahuye na cyo, mu cyesipanyoli gike. Alexandra yiyemeje kumusemurira ku-bera ko yateraniraga mu itorero ry’Abahamya ba Yehova ry’igishinwa.

Uwo musore yavuze ko yari atuye muri icyo gihugu mu buryo bwemewe n’amategeko, ariko ko bari bamwibye ibyangombwa n’amafaranga. Uwo mukozi wo ku mupaka ntiyanyuzwe n’ibisobanuro uwo musore yamuhaye, kandi yatangiye gushinja Alexandra ko acuruza abantu. Amaherezo uwo mukozi yemeye ibisobanuro uwo musore yamuhaye, ariko amutegeka gutanga amande y’uko atari afite ibyangombwa. Alexandra yaguriye uwo musore amatorari 20, kuko nta mafaranga yari asi-



garanye. Uwo musore yaramushimiye cyane, kandi amubwira ko azamwishyura arenze ayo yamuguriye. Alexandra yamubanuriye ko adashaka ibindi bihembo, kuko yari ashimishijwe n’uko yamufashije. Yahaye uwo musore ibitabo by’imfashanyigisho za Bibiliya, anamusaba ko yazashaka Abahamya bakamwigisha Bibiliya.

Iyo twumvise inkuru z’abantu bagiriye neza abo batazi, bidukora ku mutima. Ibikorwa byiza nk’ibyo bikorwa n’abantu b’ingeri zose, baba abanyamadi-

ni cyangwa abatagira amadini babarizwamo. Ese nawe wigeze kwigomwa kugira ngo ufashe abandi? Icyo kibazo kirashishikaje kuko Yesu yavuze ati “gutanga bihesha ibyishimo kuruta guhabwa” (Ibyakozwe 20:35). Ibyo Yesu yavuze bihujwe n’ibyo abashakashatsi bagezeho, kuko bagaragaje ko gutanga bigirira akamaro ubikoze. Reka tubisuzume.

IMANA IKUNDA “UTANGA YISHIMYE”

Bibiliya igaragaza ko gutanga bihesha ibyishimo. Intumwa Pawulo yavuze ati “Imana ikunda umuntu utanga yishimye.” Icyo gihe Pawulo yavugaga iby’Abakristo bahaye imfashanyo bagenzi babo bahuje ukwizera (2 Abakorinto 8:4; 9:7). Pawulo ntiyavuze ko batanze kuko bari bishimye. Ahubwo bishimye *ku-bera* ko bagize icyo batanga.

Hari ubushakashatsi bwagaragaje ko iyo umuntu agize icyo atanga, “ubwonko bwe bumenya ko agiriye umuntu neza, akumva yishimye kandi anyuzwe.” Ubundi bushakashatsi bwagaragaje ko “guha umuntu amafaranga bitera ibyishimo kuruta kuyakoresha wigurira ibintu.”

Ese ujya wumva nta cyo watanga bitewe n’uko nta bushobozi ufite? Zirikana ko buri muntu ashobora kugira icyo ‘atanga’ maze akagira ibyishimo.

Icy'ingenzi si ingano y'ibyo watanze, ahubwo ni umutima wabitanganye. Hari Umuhamba wa Yehova woherereje ubutumwa abanditsi b'iyi gazeti buri kumwe n'impano. Yaravuze ati "namaze imyaka myinshi ntanga udufaranga duke mu Nzu y'Ubwami. icyakora Yehova Imana yampaye byinshi kuruta ibyo natanze. . . . Mwarakoze kwemera impano natanze kandi numva binteye ishemu."

Birumvikana ko amafaranga atari yo yonyine twatanga. Hari ibindi bintu byinshi twatanga.

GUTANGA BITUMA TUGIRA UBUZIMA BWIZA

Bibiliya igira iti "umugabo ugaragaza ineza yuje urukundo aba agirira neza ubugingo bwe, ariko umuntu w'umugome ashyira umubiri we mu kaga" (Imigani 11:17). Abantu bagira ubuntu bita ku bandi, bakabaha igihe cyabo, imbaraga zabo n'ibindi. Gutanga bigira akamaro mu bintu byinshi, harimo no kugira ubuzima bwiza.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abantu bitangira gufasha abandi badakunze kugira agahinda, indwara yo kwiheba n'utubazo two kumva batameze neza. Muri make bagira ubuzima bwiza. Gutanga utitangiriye itama bifasha n'abantu



Gutanga biradufasha bigafasha n'abandi

barwaye indwara zidakira, urugero nk'indwara ifata imyakura cyangwa sida. Nanone gutanga bifasha umuntu wari warabaswe n'inzoga, kuko bituma atazahazwa n'indwara yo kwiheba, kandi ntiyongere kubatwara na zo.

Umuntu ugira impuhwe, akitangira abandi kandi akagira neza, bimurinda uburakari. Nanone gutanga bishobora kuga-

banya imihangayiko kandi bikoroshya indwara z'umutima. Ikindi kandi, iyo abantu bapfushije abo bashakanye bitangiye gufasha abandi, ntibahungabana cyane.

Ibyo ni ukuri kudashidikanywaho. Gutanga ni byiza.

INEZA YITURWA INDI

Yesu yabwiye abigishwa be ati "mugire akamenyero ko gutanga, namwe muzahabwa. Bazabasukira mu binyita by'imeyenda yanyu urugero rukwiriye, rutsindagiye, rucugushije kandi rusesekaye, kuko urugero mugeramo ari rwo namwe bazabagereramo" (Luka 6:38). Iyo ugize icyo uha abandi na bo barakwitwira kandi bakitoza gutanga. Gutanga bikomeza ubucuti kandi bigatuma abantu babana neza.

Abashakashatsi biga iby'imbibanire y'abantu bavuze ko "iyu umuntu agiriwe neza, na we ashishikarira gutanga." Iyo umuntu "asomye inkuru zivuga ukuntu abantu bagiriye neza abandi, na we bimushishikariza kugira ubuntu." Hari ubundi bushakashatsi bwagaragaje ko umuntu umwe ashobora kugira neza bigatuma abandi bantu benshi bamwigana, ku buryo hari n'abagirira neza abo batazi cyangwa batigeze babona." Mu yandi magambo,

umuntu ashobora gukora igikorwa cy'ineza, abandi bakagenda bamwigana. Ese ntiwashimishwa no kubana n'abantu nk'abo? Abantu benshi baramutse bitoje umuco wo gutanga, byagira akamaro cyane.

Ibyabaye muri leta ya Folorida muri Amerika, bigaragaza ukuntu gutanga ari byiza. Abahamya ba Yehova bitangiye gutabara abandi nyuma y'inkubi y'umuyaga yayogoje ako karere. Mu gihe bari biteguye ko bazana ibikoresho bari bukoresha basana inzu, babonye uruzitiro rw'umuturanyi rwari rwasenyutse, maze biyemeza kurumusanira. Nyuma yaho, uwo muturanyi yandikiye icyicaro gikuru cy'Abahamya ba Yehova agira ati “nzahora mbashimira. Ni bwo bwa mbere nari mbonye abantu beza nk'abo.” Amaherezo yaje kohereza impano itubutse, avuga ko izakoreshwa mu murimo udasanzwe Abahamya bakora.

TWIGANE IMANA IGIRA UBUNTU

Ubushakashatsi bwagaragaje ko “gufasha abandi ari icyifuze umuntu avukana.” Nanone bwagaragaje ko “abana batangira gutanga na mbere y'uko biga kuvuga.” Ibyo biterwa n'iki? Bibiliya ivuga ko biterwa n'uko abantu baremwe “mu ishusho y'Imana.” Mu yandi ma-



Gutanga bikomeza ubucuti kandi bigatuma abantu babana neza

gambo, bafite imico nk'iy'Imana.—Intangiriro 1:27.

Kugira ubuntu ni umwe mu mico ishimishije ya Yehova Umuremyi wacu. Yaduhaye ubuzima n'ibindi bintu byose bituma twishima (Ibyakozwe 14:17; 17:26-28). Kwiga Bibiliya bizadufasha kumenya Data wo mu ijuru n'imigambi ye. Bibiliya ivuga ko hari icyo Imana yakoze kugira ngo tuzagire ibyishimo mu gihe kizaza

(1 Yohana 4:9, 10).* Kubera ko Yehova ari we nyir'ugutanga kandi tukaba twaremwe mu ishusho ye, iyo tumwiganye bitugirira akamaro kandi bigatuma atwemera.—Abaheburayo 13:16.

Ese uribuka Alexandra twigeze kuvuga? Inkuru ye yaje kurangira ite? Hari umugenzi wabwiye Alexandra ko amafaranga ye ayataye. icyakora iyo bisi yageze mu mugi irahagarara, maze wa musore asaba incuti ze amadorari 20 yishyura Alexandra. Nanone uwo musore yemeye kwiga Bibiliya nk'uko Alexandra yari yabimubonye. Bongeye guhurira mu ikoraniro ry'Abahamya ba Yehova ryo mu gishinwa ryabereye muri Peru, kandi ibyo byashimishije Alexandra cyane. Nanone uwo musore yatumiye Alexandra n'abo bari bajanyanye mu ikoraniro muri resitora ye, kugira ngo amushimire.

Koko rero, gufasha abandi no gutanga bitera ibyishimo. Ikiruta byose, bishobora gufasha abantu kumenya uwo impano nziza zose ziturukaho, ari we Yehova Imana (Yakobo 1:17). Ese ntiwibonye ko gutanga bihesha imigisha? ■

* Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?*, cyanditswe n'Abahamya ba Yehova. Nanone kiboneka kuri www.jw.org/rw, ahanditse ngo IBYASOHOTSE > IBITABO N'UDUTABO.

Ese turi mu “minsi y’imperuka”?

Wasubiza ngo iki?

- ▶ Yego
- ▶ Oya
- ▶ Birashoboka

Icyo Bibiliya ibivugaho

“Mu minsi y’imperuka hazabaho ibihe biruhije, bi-goye kwihanganira” (2 Timoteyo 3:1). Ubuhanuzi bwo muri Bibiliya hamwe n’ibintu biba muri iki gihe, bigaragaza ko turi mu “minsi y’imperuka.”

Ibindi Bibiliya yigisha

- ▶ Iminsi y’imperuka yari kurangwa n’intambara, inzara, imitingito n’ibyorezo by’indwara zica.—Matayo 24:3, 7; Luka 21:11.
- ▶ Mu minsi y’imperuka, abantu bari kuzaba bafite imyifatire mibi kandi badakunda Imana.—2 Timoteyo 3:2-5

Ni iki igihe kiri imbere kiduhishiye?

Uko bamwe babibona

Hari abavuga ko iminsi y’imperuka nirangira, isi izarimbukana n’abayituye bose, abandi bakumva ko ibintu bizarushaho kuba byiza.

Wowe se ubibona ute?

Icyo Bibiliya ibivugaho

“Abakiranutsi bazaragwa isi, kandi bazayituraho iteka ryose.”—Zaburi 37:29.

Ibindi Bibiliya yigisha

- ▶ Iminsi y’imperuka izarangira igihe Imana izaba ikuraho ibibi byose.—1 Yohana 2:17.
- ▶ Isi izahinduka paradizo.—Yesaya 35:1, 6.



Abazarokoka iminsi y’imperuka bazaba muri paradizo ku isi



Munyohereze igitabo Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?

Niba wifuza ibindi bisobanuro ku bijyanye n’iminsi y’imperuka, reba igice cya 9 cy’iki gitabo, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova

Nanone kiboneka ku rubuga rwa www.jw.org/rw

URURIMI _____

AMAZINA _____

ADERESI _____

Reba aderesi ku ipaji ya 2



Vana iyi gazeti kuri interineti ku buntu, uvaneho n’andi yasohotse mu gihe cyashize



Ubu Bibiliya iboneka ku rubuga rwacu mu ndimi zirenga 130

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa usikane iyi kode

